IMYANZURO YAFATIWE MU MAHUGURWA Y'ABANYAMAKURU YATEGUWE N'URWEGO RW'UBUCAMANZA, TARIKI YA 13 GICURASI 2008 I KIGALI, MURI HOTELI SERENA

Ku itariki ya 13 gicurasi 2008 i Kigali muri Serena Hotel habereye amahugurwa agenewe abanyamakuru mu rwego rwo kubafasha kunoza akazi kabo ko gutangaza amakuru yerekeye imanza n'Urwego rw'Ubucamanza.

Ayo mahugurwa yatangijwe na **Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Prof. Sam RUGEGE**, akaba yaragaragaje uruhare rw'abanyamakuru mu mu guteza imbere ubukungu bw'igihugu bushingiye kuri demokarasi n'ubutabera, aboneraho gusobanura ko abanyamakuru ari **watchdog** cyangwa imboni y'umuryango nyarwanda ari nayo mpamvu bateguriwe ayo mahugurwa kugirango bahabwe ubumenyi bwa ngombwa mu gutara no gutangaza inkuru zerekeye Ubucamanza.

Ku bijyanye n'Urwego rw'ubucamanza, **Prof. Sam RUGEGE** yagaragaje ko icyo **Ubucamanza butegereje ku itangazamakuru** ari ukwegera abaturage no kubabaza niba ibibazo cyangwa imanza abaturage bashyikiriza inkiko bibonerwa umuti. Yakomeje avuga ko abanyamakuru bashobora gufasha inkiko kunoza serivisi zitangwa, bakagira uruhare mu gukumira cyangwa gutunga agatoki imyitwarire idahwitse (haramutse hari aho igaragaye) kugirango abakozi babifitemo uruhare babiryozwe.

Ijambo rya Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga ryakurikiwe n'ibiganiro ku mikorere y'Ubucamanza ndetse n'imikoranire yabwo n'itangazamakuru, byatanzwe na Juji mu Rukiko rw'Ikirenga **Bwana Mutashya Jean Baptiste** na Perezida w'Urukiko Rukuru rwa Repubulika**, Bwana Busingye Johnston.**

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku biganiro bitandukanye byatanzwe, abitabiriye inama bafashe imyanzuro ikurikira **:**

[1] Abanyamakuru bagiye kurushaho gutangaza inkuru, harimo n'izerekeye urwego rw'ubucamanza, zicukumbuye kandi

zishingiye ku kuri kandi, zigamije kubaka mu rwego rwo kwiha icyubahiro no guhesha ibitangazamakuru bakorera icyubahiro ;

[2] Ubucamanza nibwo bufite inyungu ya mbere mu kumenyekanisha amakuru, abo bireba bagomba kubishyiramo ingufu za ngombwa kugirango amakuru aboneke kandi abonekere igihe kuko amakuru atinze ntaba akiri amakuru, ahinduka amateka;

[3] Abarebwa no gutanga amakuru mu Rwego rw'Ubucamanza bagomba kwakira ibibazo byose by'abanyamakuru babagana kandi bagahabwa ibisubizo kuko ubucamanza bufite inshingano yo gutanga inkuru igihe cyose atari ibanga kandi bitabangamiye amategeko;

[4] Abanyamakuru bagomba gutangaza inkuru zerekeye ubucamanza nk'uko bazihawe, **birinda gushyushya imitwe gusa kandi badafite ibimenyetso**;

[5] Abanyamakuru bagiye kujya birinda guca imanza kandi zitaracibwa n'inkiko, batangaza gusa amakuru adashobora kubangamira icyemezo kizafatwa n'umucamanza ku rubanza uru n'uru;

[6] Urwego rw'Ubucamanza rwasabye abanyamakuru kwirinda kubeshyera abacamanza cyangwa ngo babaharabike nkana, kuko bibabatesha agaciro ku baturage bagana inkiko; ariko ibi ntibigomba kubabuza gutangaza inkuru irimo ukuri kabone n'iyo yaba ibabaza uwo bireba;

[7] Abanyamakuru bagiye kongera imbaraga mu gutangaza inkuru zafasha gukumira ingeso mbi zitari mu nyungu za rubanda, nka ruswa n'indi mikorere mibi, ibi bazabigeraho batangaza inkuru zifite gihamya zerekeye abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko bitwaye nabi mu rwego rwo kubafasha kwikubita agashyi;

[8] Abanyamakuru bitabiriye amahugurwa bifuje ko habaho andi mahugurwa, ahuriweho n'izindi nzego ziri mu butabera nk'ubushinjacyaha, polisi na Minisiteri y'Ubutabera,...kugirango ibibazo birebana cyane cyane n'irangiza ry'imanza, ndetse n'ibirebana n'aho uburenganzira bw'abanyamakuru butangirira n'aho bugarukira n'ibindi bibazo bibe byabonerwa ibisubizo hamwe;

[9] Abanyamakuru biyemeje gufasha Urwego rw'ubucamanza kurwanya ibikorwa byose binyuranyije n'amahame y'ubupfura busabwa abakora muri urwo rwego nka ruswa, akarengane, ingengabitekerezo ya jenoside n'ibindi;

[10] Abitabiriye amahugurwa barasanga hakwiriye gushyirwaho umuvugizi w'Urwego rw'Ubucamanza wajya aha abanyamakuru amakuru yose yerekeye ubucamanza kandi bakoroherezwa kugera kuri uwo muvugizi nta yandi mananiza, ndetse byaba ngombwa hagashyirwaho umurongo wa telefoni itishyurwa yabonekeraho;

Nyuma y'imyanzuro, amahugurwa yasojwe na Perezida w'Urukiko Rukuru rwa Repubulika, Johnston BUSINGYE.

Bikorewe i Kigali, kuwa 13 Gicurasi 2008